***Ubutumwa Nyir'ubutungane Papa Fransisiko yagenewe igisibo cyo mu mwaka wa 2019***

***« Ndetse n'ibiremwa byose birarekereje ngo birebe igaragazwa ry'abana b'Imana » (*Rom *8, 19)***

**Bavandimwe nkunda,**

Uko umwaka utashye, Imana, ibinyujije ku mubyeyi wacu Kiliziya, iduha iki gihe cyiza cyo kwitegura guhimbaza ibirori bya pasika mu byishimo n'imitima isukuye (interuro y'igisibo 1). Muri iki gihe twibuka ibihe bikomeye dukesha ubuzima bushya muri Yezu Kristu. Ni yo mpamvu duhora duhimbaza Pasika kugeza ubwo tuzaronka umukiro usendereye twaherewe mu iyobera rya Pasika ya Kristu: « Koko rero twarakijijwe mu bwizere » (Rom 8,24). Iri yobera ry'umukiro riyobora ubuzima bwacu hano ku isi ni urugendo rurerure ruranga amateka y'ibyaremwe byose. Mutagatifu Pawulo aragira ati «*Ndetse n'ibiremwa byose birarekereje ngo birebe igaragazwa ry'abana b'Imana» (Rom 8,19).* Ni muri uwo murongo nifuje kubahamo ingingo zo gutekerezaho ngo ziduherekeze mu rugendo rwacu rwo guhinduka muri iki gisibo twinjiyemo.

1. ***Ibiremwa byaracunguwe***

Guhimbaza iminsi nyabutatu y'ububabare bwa Kristu, urupfu n'izuka rye, ari na byo zingiro ry'umwaka wa liturujiya, biduhamagarira gutangira urugendo rwo kwitegura, tukamenya ko gusa na Kristu (reba Rom 8, 29) ari ingabire y'Imana twahawe ku buntu.

Iyo tubayeho nk'abana b'Imana, bacunguwe, bayoborwa na Roho Mutagatifu (reba Rom 8, 14), tukabasha kwemera no kumvira amategeko y'Imana duhereye ku ryanditswe mu mitima yacu n'irya kamere, tugirira akamaro ibyaremwe kuko tugira uruhare mu icungurwa ryabyo. Ni yo mpamvu Pawulo Mutagatifu atubwira ko ibyaremwe

bitegerezanyije amatsiko ukwigaragaza kw'abana b'Imana. Ibyo bishatse kuvuga ko abagiriwe ubuntu babikesha iyobera rya pasika ya Yezu bagomba kubigaragaza bera imbuto nziza ari na zo zizabageza ku icungurwa ryuzuye ry'imibiri yabo. Iyo abatagatifu bakiriye urukundo rwa Kristu muri bo, rurabahindura bagasingiza Imana. Ibyo bigaragarira cyane mu masengesho, mu kurangamira Kristu no mu bugeni aho tubona ko n'ibiremwa bihabwa umwanya bikaba impamvu yo gusingiza Imana. Urugero nk'urwo turusanga Mu "ndirimbo y'ibyaremwe"(cantiques des creatures") dukesha Mutagatifu Fransisko wa Asizi (reba Urwandiko rwa Papa *Laudato Sì*, n. 87). Igiteye impungenge muri iki gihe ni uko ubwo bumwe bushingiye ku gucungurwa buhora bwugarijwe n'imbaraga mbi z'icyaha n'urupfu.

## 2. *Icyaha kirasenya*

Mu by'ukuri, iyo tutabayeho nk'abana b'Imana, akenshi imyitwarire yacu iba isenya bagenzi bacu n'ibindi biremwa, natwe ubwacu tutiretse. Dutangira gutekereza byanze bikunze ko bagenzi bacu kimwe n'ibyo biremwa twabikoresha uko twishakiye. Iyo bigeze aho, ntituba tugishoboye kwigenzura. Dutangira kubaho mu buryo burenze za mbibi twashyiriweho n'imibereho yacu ya kimuntu ndetse kamere yacu ubwayo. Muri icyo gihe tugengwa n'ibyifuzo tudashobora kugenzura ari byo igitabo cy'ubuhanga cyitirira abagome; ni ukuvuga abadakora ibyo babwirijwe n'Imana, bakaba badafite icyizere cy'ahazaza (reba Buh 2, 1-11). Niba ubuzima bwacu butatuganisha kuri Pasika, niba tutarangamiye izuka, nta gushidikanya ko tuzaganzwa n'irari ryo kumva ko byose ari twe twenyine bigenewe.

Nk'uko tubizi, Inkomoko y'ibibi byose ni icyaha. Mu ntangiriro, ni cyo cyasenye ubumwe hagati y'abantu n'Imana, hagati y'abantu ubwabo ndetse n'ibindi biremwa duhujwe by'umwihariko n'umubiri. Ugusenyuka k'ubwo bumwe bwacu n'Imana kandi kwangije ubusabane bwacu n'ibindi bidukikije kandi tugomba kubana na byo. Ng'iyo impamvu ubusitani (bwa edeni twumva mu gitabo cy'intangiriro) bwahindutsemo ubutayu (reba Intg 3, 17-18). Icyaha gituma umuntu yiyumvamo ko ari we mana yaremye byose, akibonamo umutegetsi wabyo utavugirwamo maze agashaka kubikoresha atitaye ku cyo Umuremyi yabigeneye ahubwo akurikije inyungu ze bwite, bityo akabibangamira.

Iyo itegeko ry'Imana, itegeko ry'urukundo ryirengagijwe, itegeko ry'umunyembaraga ku munyantege nke riraganza, maze icyaha gituye mu mutima wa muntu (reba Mk 7, 20-23) kikigaragariza mu gushaka kwikubira byose, mu irari ryo kubaho mu buzima burenze, kutamenya guharanira ineza ya mugenzi we ndetse n'iye bwite. Icyaha gishora muntu mu gushaka kunyunyuza ibyaremwe, byaba abantu kimwe n'ibidukikije biturutse kuri uko kutanyurwa gutuma icyo umuntu yifuje cyose agifata nk'uburenganzira bwe. Bityo bitinde bishyire kera akumva agomba gukura mu nzira ibibubangamiye byose.

3. ***Kwicuza no kubabarira birakiza***

Ibyaremye bitegerezanyije amatsiko ukwigaragaza kw'abana b'Imana bahinduwe « ibiremwa bishya ». Koko rero, «umuntu wese uri muri Kristu, yabaye ikiremwa gishya. Ibishaje byarayoyotse none ngaha byose bihindutse bishya » (2 Kor 5, 17). Mu by'ukuri, muri uko kwigaragaza, ibyaremwe na byo biboneraho ibyishimo bya Pasika, (ibyishimo) bibigeza mu ijuru rishya n'isi nshya (reba Hish 21,1). Urugendo rugana kuri Pasika rudusaba twe abakristu guhindura imyitwarire ku mubiri no ku mutima, twicuza, duhinduka kandi tubabarira kugira ngo turonke ingabire zose dukesha iyobera rya Pasika.

Uko « kurekereza », uko gutegereza kw'ibyaremwe, kuzarangirana n'umunsi abana b'Imana bazigaragariza, ni ukuvuga umunsi abakristu n'abatuye isi bose baziyemeza kwitabira icyo gikorwa gikomeye cyo guhinduka. Ibyaremwe byose natwe turimo bihamagariwe kwigobotora « ingoyi y'ubushanguke maze bigasangira ubwigenge n'ikuzo by'abana b'Imana » (Rom 8, 21). Igisibo ni ikimenyetso cy'isakramentu ry'uko guhinduka. Gihamagarira abakristu gucengerwa n'iyobera rya pasika mu buzima bwabo, ubw'imiryango yabo n'ubw'abagenzi babo by'umwihariko basiba, basenga kandi batanga ituro.

*« Gusiba »* ni ukwitoza ***guhindura imyitwarire*** yacu ku bandi no ku bindi biremwa. Ni ukugendera kure igishuko cyo gushaka "kumiragura" ibyo tubonye byose ngo dukunde duhaze inda zacu. Gusiba kandi ni ukwemera kubabara ku bw'urukundo kuko ari byo bishobora kuziba icyuho kiri mu mutima wacu. Ni umwanya wo ***gusenga*** kugira ngo tubashe gutsinda ubuhakanyi buturimo, tureke kuba ba nyamwigendaho kandi twemere ko dukeneye impuhwe z'Imana. Ni igihe cyo ***gufasha abakene*** kugira ngo dutsinde ubucucu bwo gushaka kwigwizaho ibintu byose twibwira ko turi guteganyiriza ahazaza kandi iby'ejo bibara ab'ejo. Ibyo ni byo bizatuma twongera kwiyumvisha no gushimishwa n'icyo Imana yaturemeye, ari cyo kuyikunda, gukunda bagenzi bacu n'isi yose kugira ngo dushobore kuronkera umunezero nyakuri muri urwo rukundo.

**Bavandimwe nkunda**,

Umwana w'Imana yasibye iminsi 40 ari mu butayu ashaka ko bwongera kuba nka bwa busitani umuntu yari aturanyemo n'Imana mbere y'icyaha cy'inkomoko (reba Mk 1, 12-13 ; Iz 51, 3). Ngaho rero muri uyu mwaka, igisibo cyacu natwe nicyigane icya Kristu kugira ngo dufashe ibyaremwe kumwizera maze « nibimara kugobotorwa ingoyi y'ubushanguke bizabashe gusangira ubwigenge n'ikuzo by'abana b'Imana » (reba Rom 8, 21). Ntitwemere ko iki gihe kidupfira ubusa. Dusabe Imana idufashe muri iyi nzira yo

guhinduka by’ukuri. Niduce ukubiri n’ubugugu bwacu n’ubwikunde burenze urugero ahubwo turangamire Pasika ya Yezu : nitwegere abavandimwe bacu bakennye, dusangire na bo ibyo dutunze kuri roho no ku mubiri. Nta gushidikanya ko ubuzima bwacu nibusabagizwa ibyishimo n’umutsindo wa Kristu ku cyaha no ku rupfu, tuzatuma imbaraga ze zirema bundi bushya zigera ku byaremwe byose.

**Bikorewe i Vatikani, ku wa 4 ukwakira 2018**

**Ku munsi mukuru wa Mutagatifu Fransisko wa Asizi.**

**Papa Fransisko**